IV. 1.2. Ishami rya Polisi rishinzwe kugenzura ibinya. biziga (Traffic Police)

N'ubwo hatanzwe ingero nyinshi z'aho ruswa n'akarengane bigaragara muri rusange, abantu benshi bemeza ko Polisi y'u Rwanda ikora neza, ariko ko Ishami ryayo rishinzwe ibinyabiziga rigaragaramo ruswa nyinshi. N'inyigo iherutse gukorwa n'impuguke (ntirasohoka) irabigaragaza ihereye ku bushakashatsi bwakozwe. Ruswa igaragara muri ubu buryo:

- Kumvikana n'uri mu ikosa ku muhanda akaguha make ku yo yagombaga kwishyura ukamureka agakomeza (rimwe na rimwe n'abagenzi babireba);
- Gufatira ibyangombwa ukamusaba kuza kubifata ku mugoroba kwa kanaka (ku kabari, sitasiyo ya lisansi,...) akuzaniye ruswa;
- Kwandikira umuntu umuvuduko kandi atihuta bitewe n'uko ushaka kugira icyo umuvanamo, kimwe n'ibindi igenzura ryabyo usanga riruhije (amapine, ...);
- Aho bapimira ko imodoka ari nzima (contrôle technique) hagaragaramo cyane kwihutisha gukorera abatanze amafaranga abandi ntibagenzurwe vuba, no kwandika amakosa menshi imodoka idafite kugira ngo bibwirize.

Muri rusange ruswa igaragara muri iri shami rya polisi igizwe no gusaba amafaranga ya ruswa umushoferi ufite ikosa kugira ngo adacibwa arenze ayo aguhaye, no gukangisha guca ibihano udafite ikosa kugira ngo na we aguhe make, rimwe na rimwe bikanakomoka ku makosa adafite igipimo gihamye (umuvuduko, amapine, parikingi,...).

Iyo mikorere mibi iterwa n'abakozi batari inyangamugayo bashaka gukira vuba batavunitse, abatuzuza inshingno zabo kubera kotswa igitutu n'ababakuriye cyangwa abandi bakomeye bo hanze, abitwaza kumenyana n'abayobozi bakumva ko babakingiye ikibaba, n'ibindi.

Ruswa ntikomoka gusa ku mukozi utanga serivisi, no ku muturage usaba guhabwa iyo serivisi, ibyo akaba ari na bo bituma idacika vuba. Zimwe mu ngero ni izi:

- Kwanga gucibwa ibihano ugatanga ruswa ngo ugirwe umwere;
- Kwanga gutanga ihazabu nini ugahitamo gutanga ruswa ya make;
- Gushaka gukorerwa ibyo udafitiye uburenganzira witwaje ikoreshagitinyiro, ikimenyane cyangwa icyenewabo;
- Gushaka "kumvisha" uwo mufitanye ibibazo byihariye ukamuteza polisi.

IV. 3. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE MU NZEGO ZA POLISI Y'IGIHUGU

Abagira uruhare mu bikorwa by'akarengane na ruswa ni impande ebyiri, uwaka ruswa cyangwa urenganya, n'uyitanga cyangwa urenganywa. Kugira ngo ibyo bicike muri Polisi y'Igihugu hagomba gufatwa ingamba ku mpande zombi:

Ku ruhande rwa Polisi:

- Abayobozi bakwiye kurushaho kugenzura imikorere y'abapolisi,cyane cyane abashinzwe ibinyabiziga (birakorwa ariko hakwiye kongerwamo ingufu);
- Abari mu nzego za polisi bakwiye kuba inyangamugayo, bakumva ko abaturage ari bo bahanze amaso kugira ngo umutekano wabo ubumbatirwe;
- Kwirinda inyota yo gukira vuba unyuze mu nzira zitemewe kuko bishobora gukurura ingaruka mbi ku muturage n'ubikora;
- Kwita cyane cyane ku nshingano za buri wese, agakora ibyo ashinzwe adategereje indonke atemerewe;
- Abapolisi bo ku muhanda bakwiye kwirinda kwihisha aho abashoferi batababona ngo babagwe gitumo, kuko intego yabo y'ibanze ari ugukumira atari ugufatira mu cyuho. Bakwiye no kwirinda guhagarika abashoferi ahatemewe (mu makorosi,..) kuko byateza impanuka;
- Kugira ubutwari bwo kwanga ikibi no gukunda Igihugu bituma yita no ku banyagihugu;
- Kubahiriza indangagaciro z'Igihugu muri rusange ari zo nzira y'imibereho iboneye.

IV.3.2 Ku ruhande rw'abaturage:

- Kwirinda gutanga ruswa waba uri mu makosa cyangwa utayarimo kubera ingaruka zavuzwe;
- Kwanga ruswa no kuyigaragaza aho iri hose kugira ngo irwanywe, ugatungira agatoki ubugenzuzi bwa polisi;
- Kugirira polisi icyizere ntiyumve ko polisi ishinzwe gufunga, kuko anarenganiye hasi inzego zo hejuru zimurenganura;
- Gufatanya na polisi mu gatuhura ibikorwa byose byabangamira umutekano n'umudendezo w'abaturage muri rusange.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URWEGO RW'UMUVUNYI

B.P. 6269 KIGALI
Tél. : 587308/09
232 (Itishyurwa Rwandatel)
ombudsinfo@ombudsman.gov.rw
www.ombudsman.gov.rw

GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU NZEGO ZA POLISI Y'IGIHUGU

Gicurasi 2009

I. INTANGIRIRO

Urwego rw'Umuvunyi rurashima byimazeyo ibikorwa Polisi y'Igihugu ikorera abanyarwanda mu kubungabunga ubudahwema umutekano wabo, kubagoboka mu bihe by'impanuka n'ibiza, kurwanya akarengane ndetse na ruswa, n'ibindi.

Nyamara ariko ngo nta byera ngo de! Hari bamwe mu bapolisi barangwaho imikorere mibi muri rusange, n'ibikorwa bya ruswa n'akarengane by'umwihariko, bikabangamira ubwisanzure bw'abanyarwanda kandi bigahesha isura mbi Igihugu cyacu.

Bitewe n'akamaro kanini ka Polisi, Urwego rw'Umuvunyi rwifuje kuyunganira mu kunoza imikorere yayo, ruyigaragariza akarengane na ruswa bishobora kumunga ubuzima bwayo no kuvutsa uburenganzira abo iha serivisi.

Iyi nyandiko mpine igamije gusobanura akarengane na ruswa ibyo ari byo, kugaragaza aho bishobora kuboneka mu nzego za polisi, ariko cyane cyane gushishikariza abari mu nzego za polisi kuyirinda no kuyirwanya muri yo ubwayo, no mu banyarwanda muri rusange kuko biri no mu nshingano zayo.

II. AKARENGANE NA RUSWA NI IKI?

Akarengane ni ukuvutswa uburenganzira umuntu afite cyangwa yemererwa n'amategeko. Ubwo burenganzira ushobora kubuvutswa n'umuntu uwo ari we wese ku giti cye, cyangwa n'ubuyobozi bw'inzego za Leta n'izigenga. Hagamijwe guteza imbere imiyoborere myiza, Urwego rw'Umuvunyi rushinzwe gukumira by'umwihariko akarengane gaterwa n'inzego z'ubuyobozi zaba iza Leta cyangwa izigenga kuko hari igihe izo nzego zishobora kuvutsa umuntu uburenganzira bwe bishingiye kuri ruswa.

Kugeza ubu ntiharaboneka igisobanuro gikwiye cyangwa se gihagije gisobanura neza ruswa "***corruption***" mu kinyarwanda, ariko umuntu acishirije yavuga ko ruswa ari uburyo cyangwa igikorwa cyose cyo gukoresha nabi ububasha wahawe mu nyungu zawe bwite cyangwa z'agatsiko runaka.

Ruswa "***corruption***" igaragarira mu ngeri nyinshi: kwakira amaturo (impano) anyuranye kugira ngo ukunde ukore icyo wagombaga gukora nta kiguzi, cyangwa se

ureke gukora icyo ushinzwe mu nyungu z'uguhaye impano; kunyereza umutungo; icyenewabo; ikimenyane; irondakoko n'irondakarere; gutonesha; kuba nyamugwahashashe cyangwa rutemayeze; kwanga kugira icyo ukora ngo utiteranya; cyangwa se kudakorera igihe ibyo ugomba gukora kugira ngo ukugana n'amara gusiragira kenshi yibwirize, n'ibindi.

Kugira ngo ruswa n'akarengane bicike, hashyizweho itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, rikaba riteganya ibindi byaha bisa na ruswa kandi bihanwa kimwe, n'ibihano abahamwe na ruswa bahabwa.
Iryo tegeko rishyira ibyaha bisa na ruswa mu byiciro 6 bikurikira:

1. Kwaka, kwakira ibirenze ibyagombaga, gusonera, kudasoresha no gutangira ubusa cyangwa ku gaciro kadakwiye ibintu bya Leta bikozwe n'abakozi ba Leta;
2. Ikoreshagitinyiro n'ikimenyane;
3. Itonesha;
4. Gushakira inyungu kw'abakozi mu mirimo batemerewe gukora;
5. Igwizamutungo ritemewe;
6. Iyezandonke.

Ibisobanuro birambuye biri mu itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo iboneka mu Igazeti ya Leta n°Spécial bis yo ku wa 03/09/2003.

III. AKARENGANE NA RUSWA MU RWANDA

INGERI ZA RUSWA

Akarengane na ruswa mu Rwanda bigaragarira mu ngeri nyinshi, mu byiciro binyuranye by'abanyarwanda no mu nzego z'imirimo zitandukanye.

Muri rusange hakunze kuvugwa ruswa ntoya na ruswa nini.

IV. AKARENGANE NA RUSWA MURI POLISI

Ruswa n'akarengane bigaragarira mu myitwarire n'imigenzereze idakwiye yambura umuntu uburenganzira bwe cyangwa ikamusaba kubugura, ibyo tukaba tubisanga mu nzego z'imirimo zinyuranye, mu bakozi bakuru n'abato.

By'umwihariko muri Polisi y'Igihugu, akarengane n'icyaha cya ruswa bigaragara muri rusange, ariko by'umwihariko mu nzego zimwe na zimwe za Polisi, ku mpamvu z'ubwikanyize bw'abakozi bamwe na bamwe batanga umugayo kandi ntibuzuze inshingano zabo uko bikwiye.
Ingero zimwe na zimwe ni izi zikurikira:

IV. 1 Polisi muri rusange:

- Kwakirana agasuzuguro, gukoresha imvugo mbi, cyangwa kutakira ikibazo cy'ushaka serivisi,cyane cyane aje atabaza;
- Gufata umujura ukamurekura cyangwa umugizi wa nabi ukamurekura kubera ruswa aguhaye;
- Gushyingura dosiye ifite ibimenyetso by'icyaha kubera ruswa (ubugenzacyaha);
- kudashakisha ibimenyetso bihagije by'icyaha cyangwa kutagikurikirana bitewe n'icyo uhawe cyangwa n'ukurikiranywe uwo ari we (ikoreshagitinyiro, ikimenyane);
- Kwemera guhabwa amabwiriza yo kurekura ukurikiranyweho icyaha (ikoreshagitinyiro).
- Gukingira ikibaba abinjijza magendu n'ibindi bintu bitemewe, cyane cyane ku mipaka;
- Gutera umuntu ubwoba ugamije kumuvanamo indonke;
- Gukoresha uburyo butemewe mu ishakishwa ry'ibimenyetso, hazamo na munyumvishirize (iyicarubozo "torture", harimo ibikangisho no gukubita);
- Kurigisa ibimenyetso by'icyaha kubera agaciro kabyo (nk'amafaranga yafatiriwe yatanzweho ruswa);
- Kugira uruhare mu gutorokesha abakekwaho ibyaha no kwemera gufungira ubusa inzirakarengane kubera "munyumvishirize";
- n'ibindi.